REPUBULIKA Y'U RWANDA

NATIONAL INSTITUTE OF STATISTICS OF RWANDA

# RAPORO Y'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU NGANDA ZO MU RWANDA

IBICIRO BY'INGANDA MU RWANDA

WERURWE 2025

## RAPORO Y'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU NGANDA ZO MU RWANDA
## WERURWE 2025

**INCAMAKE**

Raporo ngarukakwezi y'ihindagurika ry'ibiciro mu nganda zo mu Rwanda

Ihinduka ry'ibiciro ku mwaka riteye ku buryo bukurikira:

- Ibiciro byo mu nganda byazamutseho 4,2% muri rusange
- Ibiciro byo mu nganda zikora ibicururizwa mu Rwanda byazamutseho 0,9%
- Ibiciro byo mu nganda zikora ibicuruzwa byoherezwa mu mahanga byazamutseho 10,8%

Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi riteye ku buryo bukurikira:

- Ibiciro byo mu nganda byagabanutseho 0,6% muri rusange
- Ibiciro byo mu nganda zikora ibicururizwa mu Rwanda byagabanutseho 2,2 %
- Ibiciro byo mu nganda zikora ibicuruzwa byoherezwa mu mahanga byazamutseho 2,4%

**Imbonerahamwe: Ihindagurika ry'ibiciro byo mu nganda mu Rwanda**

| | 2024 | | | | | | | | | | 2025 | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | Werurwe | Mata | Gicurasi | Kamena | Nyakanga | Kanama | Nzeri | Ukwakira | Ugushyingo | Ukuboza | Mutarama | Gashyantare | Werurwe |
| **Ihindagurika mu mwaka** | | | | | | | | | | | | | |
| Muri rusange | 13,4 | 10,0 | 6,9 | -1,9 | -5,4 | -5,1 | -9,3 | -5,6 | -0,1 | 0,2 | 0,6 | 4,3 | 4,2 |
| Ibicururizwa mu Rwanda | 11,2 | 7,0 | 4,7 | -2,5 | -7,1 | -8,5 | -14,3 | -10,9 | -3,9 | -2,5 | -1,7 | 1,8 | 0,9 |
| Ibyoherezwa hanze | 18,9 | 18,9 | 12,6 | -0,6 | -1,3 | 3,3 | 2,8 | 7,5 | 8,2 | 5,9 | 5,5 | 9,7 | 10,8 |
| **Ihindagurika ku kwezi** | | | | | | | | | | | | | |
| Muri rusange | -0,5 | -0,2 | -1,2 | -4,4 | 0,8 | 1,4 | 0,3 | 5,4 | 3,4 | -0,5 | 0,8 | -0,9 | -0,6 |
| Ibicururizwa mu Rwanda | -1,3 | 1,1 | -1,9 | -3,6 | 0,9 | -0,7 | -1,4 | 5,4 | 3,3 | 0,5 | 1,0 | -1,2 | -2,2 |
| Ibyoherezwa hanze | 1,3 | -3,1 | 0,3 | -6,3 | 0,5 | 6,4 | 3,6 | 5,6 | 3,7 | -2,2 | 0,5 | -0,3 | 2,4 |

## 1. INTANGIRIRO

Raporo y'ihindagurika ry'ibiciro byo mu nganda mu Rwanda yerekana igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro hagendewe ku giciro fatizo gihabwa nyiri igicuruzwa cyangwa utanga service nta yandi mafaranga yiyongereyeho (imisoro, ay'ubwikorezi...). Iyi raporo mu Rwanda itangazwa buri kwezi.

Ikusanyamakuru kuri iyi raporo ryakorewe mu nganda n'ibigo by'ubucuruzi 114 no ku bicuruzwa 402 biri hirya no hino mu gihugu (Kigali no mu ntara). Ni raporo ikorwa ku bufatanye na Banki Nkuru y'u Rwanda (BNR). Yibanda ku bucukuzi bw'amabuye y'agaciro, ibikorerwa mu nganda zitunganya ibintu binyuranye, ndetse n'ibindi bikorwa bifitiye igihugu akamaro aribyo amashanyarazi, amazi, isuku n'isukura, ndetse n'itumanaho n'isakazabumenyi.

*© Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare mu Rwanda /PPI Werurwe 2025*

## 2. IBICIRO BYO MU NGANDA MU RWANDA

Muri Werurwe 2025, ibiciro rusange byo mu nganda byazamutseho 4,2%, ugereranyije na Werurwe 2024. Ibi byatewe n'izamuka rya 5,1% ry'ibiciro byo mu nganda zikora ibintu bitandukanye n'ibiciro by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro byazamutseho 1,1%.

Ugereranyije Werurwe 2025 na Gashyantare 2025, ibiciro byo mu nganda byagabanutseho 0,6%. Ibi byatewe n'igabanuka rya 0,7% ry'ibiciro byo mu nganda zikora ibintu bitandukanye.

## 3. IBICIRO BYO MU NGANDA BY'IBICURUZWA IMBERE MU GIHUGU

Muri Werurwe 2025, ibiciro byo mu nganda zikora ibicururizwa imbere mu gihugu byazamutseho 0,9% ugereranyije na Werurwe 2024. Ibi byatewe ahanini n'izamuka rya 1,1% ry'ibiciro byo mu nganda zikora ibintu bitandukanye.

Ugereranyije Werurwe 2025 na Gashyantare 2025, ibiciro byo mu nganda ku bicuruzwa imbere mu gihugu byagabanutseho 2,2%. Ibi byatewe n'igabanuka rya 2,8% ry'ibiciro byo mu nganda zikora ibintu bitandukanye.

## 4. IBICIRO BYO MU NGANDA KU BICURUZWA BYOHEREZWA HANZE

Muri Werurwe 2025, ibiciro byo mu nganda ku bicuruzwa byoherezwa hanze y'igihugu byazamutseho 10,8% ugereranyije na Werurwe 2024. Ibi byatewe n'izamuka rya 12,3% ry'ibiciro byo mu nganda zitunganya icyayi, izamuka rya 11,4% ry'ibiciro byo mu nganda zitunganya ikawa n'izamuka rya 1,1 ry'ibiciro by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro.

Ugereranyije Werurwe 2025 na Gashyantare 2025, ibiciro byo mu nganda ku bicuruzwa byoherezwa hanze byazamutseho 2,4%. Ibi byatewe n'izamuka rya 5,2% ry'ibiciro byo mu nganda zitunganya ikawa, izamuka rya 0,2% ry'ibiciro byo mu nganda zitunganya icyayi n'izamuka rya 0,1% ry'ibiciro by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro .

**Ku bindi bisobanuro:**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)
Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,
Tel:+250 -788383103  Hot line: 4321
E-mail: info@statistics.gov.rw